Dufasha abimukira bashya mu kubona:

- Ubwishingizi bwo kwivuza, gahunda ya leta y'ubuzima n'uburenganzira bw'umurwayi
- Serivisi zihutirwa zo gufashwa mu buvuzi
- Amavuriro yo kwivurizaho muri Fredericton
- Serivisi z'ibitaro
- Serivisi z'ubuzima rusange muri New Brunswick
- Serivisi z'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe
- Ubuvuzi bw'amenyo n'amaso
- Ubuvuzi bwihariye mu karere
- Ubuzima muri Canada, Gahunda zo kurera abana, ubuzima bwo mu mutwe n'imibereho myiza
- Serivisi zo kwita ku buzima, iza leta, iz'imyigire iz'imyigire

Kwisanga mu baturage

First Fredericton Friends ni abakorerabushake ba MCAF batanga igihe cyabo mu gufasha abimukira bashya mu kwisanga mu baturage ba Frederincton. First Fredericton Friends zimenyesha abimukira bashya ibikorwa bitandukanye hamwe n'iminsi mikuru ibera mu karere ka Fredericton.

Gahunda z'amatsinda muri MCAF

Kwitabira ibikorwa ndetse na gahunda zitandukanye biha abimukira bashya amahirwe yo kugira uruhare, guhuza no kunguka inshuti nshya. Amatsinda y'abimukira b'abagore, abagabo, ababyeyi, inkumi n'abasore aha abimukira bashya amahirwe yo kwinezeza no gusangira ubunararibonye n'abandi bimukira bashya mu gihugu cyabo gishya.

Ikaze.

Tubafasha kwisanga mu buzima bwa hano. Dutanga serivisi nkenerwa zo kugufasha gutangira ubuzima bushya muri Canada.

Multicultural Association of Fredericton Inc.
28 Saunders Street Fredericton, New Brunswick
Canada E3B 1N1

Email: mcaf@mcaf.nb.ca
Phone: (506) 454-8292

Funded by: Immigration, Refugees and Citizenship Canada
Financé par : Immigration, Réfugiés et Citoyenneté Canada

Canada

Kinyarwanda version 2024

Gahunda yo Gufasha abemerewe gutuzwa

www.mcaf.nb.ca

Gahunda yo gufasha abemerewe gutuzwa ni iki?

Abakozi bo muri **Gahunda yo gufasha bemerewe gutuzwa** (RAP mu magambo ahinnye y'icyongereza) bakira **impunzi zifashwa na Leta** (GAR mu magambo ahinnye y'icyongereza) bageze ku kibuga cy'indege cya Fredericton.

Abakozi ba RAP batanga ubufasha bukenewe ako kanya n'ubufasha bw'igihe gito ku bimukira bashya. Harimo kubasemurira no kubatwara ku macumbi y'agateganyo.

Abakozi ba RAP bakora iki?

Mu byumweru hagati ya 4 na 6 uhereye igihe abimukira bashya bagereye muri Canada, Abakozi ba RAP bafasha abimukira ba GAR ku:

- Kubona aho kuba mu gihe kirambye, ibikoresho byo mu nzu no guhuzwa na serivisi z'ubuvuzi
- Kubona amakuru ku:
  - Gahunda z'ingenzi za Leta n'iz'Intara (Nimero y'ubwihingizi rusange (SIN), IFH, ubuvuzi, ubufasha ku bana muri Canada, ubufasha mu byo binjiza)
  - Ubumenyi ku mibereho y'abanya-Canada, umuco no kubana n'abandi
  - Uko inzego z'imali zubatse muri Canada, konti ya banki no gutegura ikoreshwa ry'amafaranga
  - Aho kgutura
  - Imyigire rusange
  - Ingendo mu modoka rusange no kumenyerezwa ibice batuyemo
  - Serivisi z'ubutabazi 911
  - Uko inzego zo kwivuza ziteye muri Canada
  - Uburenganzira n'inshingano
  - Gahunda z'abana niz'urubyiruko
  - Ubufasha mu kubona akazi

Umuryango Multicultural Association of Fredericton Inc. (MCAF) uha ikaze impunzi zifashwa na Leta muri Fredericton binyuza muri **Gahunda yo gufashwa kwinjira mu buzima bushya**.

Ubufasha bw'amafaranga ku ba GAR bashya

Leta ya Canada, binyuze muri **Gahunda yo gufasha abemerewe gutuzwa** (RAP), itanga ubufasha bw'amafaranga ku bimukira ba GAR ku bikenerwa byibanze. Ubufasha bw'amafaranga butandukana hashingiye ku mubare hamwe n'imyaka by'abagize umuryango. Imiryango ya GAR ibona ubufasha mu gihe cy umwaka umwe cyangwa kugeza igihe babashije kwifasha ku bwabo.

Kwiga icyongereza cyangwa igifaransa

Muri New Brunswick, tuvuga mu rurimi rw'icyongereza, igifaransa cyangwa izo ndimi zombi. New Brunswick niyo Ntara yonyine ikoresha indimi zombi byemewe muri Canada.

Kuva ku muntu ufite imyaka 18 kuzamura azasuzumwa hagamijwe kumenya urwego rwe rw'icyongereza hanyuma ashyirwe mu mashuli yigisha icyongereza. Mu gihe ababyeyi bazitabira amashuli yigisha indimi, abana (kuva ku mezi 6 kugera ku myaka 5) bazakirwa muri gahunda y'amashuli y'abato bashya (CNC).

Abakozi ba MCAF bafasha abimukira bashya kwinjira mu mashuli yigisha igifaransa atangwa n'ibigo by'amashuli muri New Brunswick.

Abakozi ba **RAP** bafasha imiryango y'abimukira bashya kwandikisha abana mu mashuli. Abimukira bashya bashobora guhitamo gushyira abana babo mu mashuli yigisha mu gifaransa cyangwa ayigisha mu cyongereza. Abakozi ba MCAF bashinzwe kumenyereza abantu mu mashuli ndetse n'abashinzwe abavuga ururimi rw'igifaransa bafasha imiryango y'abimukira bashya kugira uruhare mu bikorwa by'ishuli no muri gahunda z'abana n'iz'urubyiruko za MCAF.

Umukozi ushinzwe ubufasha mu buvuzi

Umukozi ushinzwe ubuzima bw'abimukira bashya afasha gusesengura ubufasha bukenewe mu buvuzi, kuyobora no guhuzwa na serivisi z'ubuvuzi bukwiriye mu karere ka Fredericton kuri buri muntu mushya.